cl DGSL SE1092813

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 14 JAN. 1986

N° 0163 /15.08.01

Bwana Prezida w'Ishyirahamwe
ly'Umupira w'Amaguru mu Rwanda
KIGALI

Impamvu : Inyandiko-mvugo y'inama y'Abasifuzi b'umupira w'amaguru.

Bwana Prezida,

Hamwe n'iyi baruwa mboherereje inyandiko-mvugo y'inama idasanzwe y'abasifuzi b'umupira w'amaguru bo mu rwego rw'igihugu yabereye muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative kuwa gatanu taliki ya 1 Ugushyingo 1985.

Iyo nama yaligamije gukemura ibibazo byavutse mu isifura lya shampiyona y'umupira w'amaguru y'uyu mwaka no gutegura imilimo y'ishyirwaho lya Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Abasifuzi.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agustini
Lt Col BEM.

Bimenyeshejwe :
- Membres du Bureau Fédéral
  KIGALI
- Bwana Umunyamabanga Mukuru muli MIJEUCOOP
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi Mukuru w' w'Imikino n'Imyidagaduro muli MIJEUCOOP
  KIGALI

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'ABASIFUZI
B'UMUPIRA W'AMAGURU BO MU RWEGO RW'IGIHUGU

Ku wa gatanu taliki ya mbere Ugushyingo 1985, guhera i saa yine n'iminota makumyabili kugeza i saa sita n'iminota mirongo ine, muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative habereye inama idasanzwe y'abasifuzi b'umupira w'amaguru iyobowe na Ministri NDINDILIYIMANA Agusitini, Lt Colonel BEM. Iyo nama yalimo kandi abahagaraliye Ishyirahamwe ly'Umupira w'Amaguru n'abakuru b'imilimo muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative (Lisiti y'abali mu nama murayisanga inyuma y'iyi nyandiko-mvugo).

Atangiza inama, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yabanje gushimira abayitumiwemo kuba baligomwe umunsi w'ikiruhuko bakaza ali benshi gusuzumira hamwe ingorane zavutse mukuyobora shampiyona y'umupira w'amaguru y'uyu mwaka, kandi ko kubera ibibazo abasifuzi bamwe bali bamugejejeho, Ministri yatumije inama vuba kugira ngo umuti ushakirwe hamwe.

Ministri NDINDILIYIMANA yakomeje ijambo lye asobanura uko muli iki gihe Ministeri ashinzwe ikora ifatanyije n'ibiro nyobozi by'Ishyirahamwe ly'Umupira w'Amaguru. Ministeri yerekana kandi igasobanura binonosoye politiki igenga imikino mu gihugu, igakulikirana uko amashyirahamwe abikulikiza, igerageza kuyafasha yubaka ibibuga kandi itanga n'ibikoresho by'ibanze ishyirahamwe likeneye, igatanga impuguke mu byerekeye siporo kandi igategura amahugurwa y'abayobozi b'imikino.

Amashyirahamwe agomba gukora akulikije politiki ya Ministeri igenga imikino, agategura gahunda y'ibikorwa byayo akulikije umutungo wayo. Ku byerekeye imikino yo mu rwego mpuzamahanga Ministeri niyo ifitemo uruhare runini. Ishyirahamwe ly'Umupira w'Amaguru lyali limaze gutera intambwe ndende kubulyo mu kwezi kwa Nyakanga uyu mwaka lyasabye ubuzima gatozi muli Ministeri y'Ubucamanza. Nyamara ibintu bitangiye kutagenda neza; akaba nayo mpamvu iyo nama yateranye hakaba hatumiwemo Prezida n'Umubitsi. Ministri yakomeje ijambo lye avuga ibili kumurongo w'ibyigwa :

1. Ikibazo kerekeye kuba abasifuzi bamaze iminsi badahembwa kandi bayobora buli cyumweru imipira ya shampiyona.
2. Gushyiraho komite nyobozi y'urugaga rw'abasifuzi (collège des arbitres).
3. Ikibazo cyerekeye ikorwa lya gahunda y'abasifuzi bayobora imipira yo mu mpera y'icyumweru.

.../...

<u>Dore ibyemezo byafashwe kuli izo ngingo</u> :

- Amafaranga asigaye ku mutungo w'Ishyirahamwe azagabagabanwa abasifuzi kuwa mbere taliki ya 4 Ugushyingo 1985 mbere ya saa tatu. Ibiro nyobozi byo bizishakira ubundi bulyo bwo gukora aliko shampiyona <u>igakomeza</u>.
- Igihe umutungo w'Ishyirahamwe uzongera kuboneka, abasifuzi bazajya buzuza impapuro zo guhemberwaho kuwa mbere maze bazahembwe kuwa mbere ukulikiyeho kandi <u>mbere ya saa tatu</u>.
- Akanama kali muli komisiyo y'abasifuzi gasabwe gushyiraho amategeko agenga gahunda y'amafaranga y'ubutumwa bakulikije urugendo rwa buli musifuzi n'iminsi yamaze kure y'imuhira.
- Gahunda yuko abasifuzi bazayobora imikino igomba gukorwa byagateganyo hagati mu cyumweru ikerekwa abasifuzi igihe bazanye raporo yuko imikino yagenze (ku wa mbere ukulikiyeho). Icyo gihe, utazashobora kuboneka agomba kubivuga bakamusimbuza undi.

Ku byerekeye komite nyobozi y'urugaga rw'abasifuzi (collège des arbitres), inama yasabye Prezida w'Ishyirahamwe ly'Umupira w'Amaguru kwihutana iyo milimo. Iyo komite nimara kujyaho izaba ishinzwe kugeza ibibazo by'abasifuzi mu nzego zibishinzwe (Ibiro Nyobozi na Ministeri), gukora byagateganyo gahunda y'abagomba kuyobora imikino no kunonosora ibyerekeye uguhembwa k'umusifuzi uli mu butumwa.

Mbere yuko asoza inama abasifuzi bagejeje kuli Ministri ingorane zindi bahura nazo mu mulimo bashinzwe.

1) Imyenda abasifuzi bahawe imaze gusaza none bifuza ko Ministeri yakongera ikabaha indi.
   Ministri yasubije abasaba kuzana iyo myenda ishaje akareba uko imeze maze bakabahindulira iramutse ibonetse.

2) Ubusanzwe iyo bazaga mu nama bene nk'iyo, bahabwaga amafaranga y'ubutumwa aliko muli iki gihe ntayo Ibiro Nyobozi bigitanga. Ministri yavuze ko muli iki gihe nt'amafaranga ashobora kuboneka, dore ko nayo bakoreye bajya gusifura atashoboye kuboneka. Yasabye ko ako kanama kagizwe n'abasifuzi 6 kwiga icyo kibazo bateganya uko ayo mafaranga ashobora kuzajya atangwa maze ibyemezo bazafata bakabimenyesha Ibiro Nyobozi.

3) Abasifuzi bashobora guhura n'impanuka bali ku kibuga cyangwa bajyayo, bakaba lero basaba ubwishingizi.
   Icyo kibazo giteye inkeke kandi kigomba kubonerwa umuti vuba na vuba, kuko amahane asigaye yeze kubibuga byo mu mahanga nibyo mu Rwanda.

.../...

Mugusoza inama, Ministri yashimiye abasifuzi kuba bumvise ibibazo by'Ishyirahamwe lyabo bakabishakira umuti uboneye. Yasabye ko utazashobora gukomeza gusifura kubera ko ntamafaranga ahali azandikira Ministri ubwe bitarenze kuwa mbere taliki ya 4 Ugushyingo 1985. Yavuze ko ibibazo byabo abyumva kandi azakora uko ashoboye bigakemurwa vuba aliko shampiyona y'igihugu igakomeza nkuko bisanzwe.

Umwanditsi :

AHORWABAYE Anasitazi

Prezida w'inama :

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative

NDINDILIYIMANA Agustini

Lt Col BEM.-

## ICYUZULIZO

### AMAZINA Y'ABALI MU NAMA

Abahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

1. Lt Col BEM NDINDILIYIMANA Agusitini, Ministri
2. NJANGWE Filipo, Umuyobozi w'Imikino
3. TWAGIRAYEZU Manueli, Utegeka diviziyo ireba imigendekere y'imikino
4. AHORWABAYE Anasitazi, Umwanditsi

Abahagaraliye Ishyirahamwe ly'Umupira w'Amaguru mu Rwanda

5. NGANGO Felisiyani, Prezida
6. BICAMUMPAKA Dominiko, umubitsi

Abasifuzi

7. MUBERA Garasiyani
8. BUGINGO Yohani Krizostomu
9. MUBILIGI Agustini
10. MANIRAHALI Dewogaratiyasi
11. BIHOYIKI Yohani Bosiko
12. MANIRAGUHA Fawusitini
13. MUNYEMANA Yohani Bosiko
14. NTUNZWENIMANA Pawulo
15. LIZINDE Alufonsi
16. HAROLIMANA Yohani Batisita
17. NKURUNZIZA Yohani Batisita
18. DUSABEYEZU Anteri
19. MUNYANKINDI Faransisiko Saveri
20. NDAGIJIMANA Danasiyani
21. RUKILIZA Reveliyani
22. NGENDAHIMANA Selesitini
23. NZABONIMANA Efremu
24. RURANGWA Lewo
25. SEBAHUTU Yozefu
26. KABILIGI Emanweli
27. BAHANUZU Akili-Mali
28. GATERA Yonatani
29. RUDAHUNGA Fideli
30. GAPARAYA Yohani Lewonali
31. HAJABERA Yohani Batisita
32. SIMBIZI Sitanisirasi
33. KURADUSENGE Kiristofu
34. NYANDWI Kiristofu.